

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

BNR:

- Amabwiriza / Regulation/ Règlement

N° 07/2016 yo ku wa 01/12/2016

Amabwiriza agenga imicungire y'amafaranga ari kuri konti zitagikora n'izahagaze.....2

N° 07/2016 of 01/12/2016

Regulation determining modalities for management of inactive and dormant accounts.....2

N° 07/2016 du 01/12/2016

Règlement fixant les modalités de gestion des comptes inactifs et des comptes dormants.....2

N° 08/2016 yo ku wa 01/12/2016

Amabwiriza agenga abatanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga.....15

N° 08/2016 of 01/12/2016

Regulation governing the electronic money issuers.....15

N° 08/2016 du 01/12/2016

Règlement régissant les émetteurs de monnaie électronique.....15

- Financial statements150

AMABWIRIZA N° 07/2016 /2016 YO KU WA 01/12/2016 AGENGA IMICUNGIRE Y'AMAFARANGA ARI KURI KONTI ZITAGIKORA N'IZAHAGAZE	REGULATION N° 07/2016 OF 01/12/2016 DETERMINING MODALITIES FOR MANAGEMENT OF INACTIVE AND DORMANT ACCOUNTS	REGLEMENT N° 07/2016 DU 01/12/2016 FIXANT LES MODALITES DE GESTION DES COMPTES INACTIFS ET DES COMPTES DORMANTS
<u>UMUTWE WA MBERE</u> : INGINGO RUSANGE	<u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE PREMIER:</u> DISPOSITIONS GENERALES.
<u>Ingingo ya Mbere:</u> Icyo aya mabwiriza agamije	<u>Article One:</u> Purpose	<u>Article Premier:</u> Objet
<u>Ingingo ya 2:</u> Ibirebwa n'aya mabwiriza	<u>Article 2:</u> Scope of application	<u>Article 2:</u> Champ d'application
<u>Ingingo ya 3:</u> Ibisobanuro bw'amagambo	<u>Article 3:</u> Definitions	<u>Article 3:</u> Definitions
<u>UMUTWE WA II:</u> IGENZURA RYA KONTI ZIDAKORESHWA, N'IZAHAGAZE	<u>CHAPTER II:</u> IDENTIFICATION OF INACTIVE AND DORMANT ACCOUNTS	<u>CHAPITRE II:</u> IDENTIFICATION DES COMPTES INACTIFS ET DES COMPTES DORMANTS
<u>Ingingo ya 4:</u> Inshingano yo kugenzura konti zitagikoreshwa, n'izahagaze	<u>Article 4:</u> Obligation of identification of inactive and dormant accounts	<u>Article 4:</u> Obligation d'identification des comptes inactifs et des comptes dormants
<u>Ingingo ya 5:</u> Kumenyesha umukiliya ko konti ko konti itagikoreshwa cyangwa yahagaze	<u>Article 5:</u> Notification of inactivity and dormancy status of account	<u>Article 5:</u> Notification d'état d'inactivité ou de dormance d'un compte
<u>UMUTWE WA III:</u> IMICUNGIRE YA KONTI ITAGIKORESHWA N'IYAHAGAZE	<u>CHAPTER III:</u> MANAGEMENT OF INACTIVE AND DORMANT ACCOUNTS	<u>CHAPITRE III:</u> GESTION D'UN COMPTE INACTIF ET D'UN COMPTE DORMANT
<u>Ingingo ya 6:</u> Imicungire, ihagarika n'ifungurwa rya konti itagikoreshwa n'iyahagaze	<u>Article 6:</u> Management, suspension and reactivation of inactive and dormant accounts	<u>Article 6:</u> Gestion, suspension et réactivation des comptes inactifs et dormants

<u>Ingingo ya 7:</u> Ibibujiwe ku mafaranga acibwa kuri konti	<u>Article 7:</u> Limitations on fees and charges on accounts	<u>Article 7:</u> Limitations sur les frais et charges sur les comptes
<u>Ingingo ya 8:</u> Gutanga Raporo kuri konti zitagikoreshwa n'izahagaze	<u>Article 8:</u> Reporting of inactive and dormant accounts	<u>Article 8:</u> Rapport sur les comptes inactifs et dormants
<u>Ingingo ya 9:</u> Koherereza Banki Nkuru amafaranga atakurikiranwe na bene yo	<u>Article 9:</u> Transfer of unclaimed funds to the Central Bank	<u>Article 9:</u> Transfert de fonds non réclamés à la Banque Centrale.
<u>Ingingo ya 10:</u> Imicungire y'amafaranga atarakurikiranwye	<u>Article 10:</u> Management of unclaimed funds	<u>Article 10:</u> Gestion de fonds non réclamés
<u>UMUTWE WA IV:</u> IBIHANO MU MAFARANGA N'INGINGO ZISOZA	<u>CHAPITRE IV:</u> PECUNIARY SANCTIONS AND FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE IV:</u> SANCTIONS PECUNIAIRE ET DISPOSITIONS FINALES
<u>Ingingo ya 11:</u> Ibiho mu mafaranga	<u>Article 11:</u> Pecuniary sanction	<u>Article 11:</u> Sanction pécuniaire
<u>Ingingo ya 12:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza	<u>Article 12:</u> Repealing provision	<u>Article 12:</u> Abrogation
<u>Ingingo ya 13:</u> Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa	<u>Article 13:</u> Commencement	<u>Article 13:</u> Entrée en vigueur

AMABWIRIZA N° 07/2016 /2016 YO KU WA 01/12/2016 AGENGA IMICUNGIRE Y'AMAFARANGA ARI KURI KONTI ZITAGIKORA N'IZAHAGAZE	REGULATION N° 07/2016 OF 01/12/2016 DETERMINING MODALITIES FOR MANAGEMENT OF INACTIVE AND DORMANT ACCOUNTS	REGLEMENT N° 07/2016 DU 01/12/2016 FIXANT LES MODALITES DE GESTION DES COMPTES INACTIFS ET DES COMPTES DORMANTS
Ishingiye ku Itegeko n° 55/2007 ryo ku wa 30/11/2007 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 5, iya 6, iya 9, iya 17, iya 56, iya 57, n'iya 58;	Pursuant to Law n° 55/2007 of 30/11/2007 governing the Central Bank of Rwanda, especially in articles 5, 6, 9, 17, 56, 57 and 58;	Vu la Loi n° 55/2007 du 30/11/2007 régissant la Banque Nationale du Rwanda, spécialement en ses articles 5, 6, 9, 17, 56, 57 et 58;
Ishingiye ku Itegeko n° 007/2008 ryo ku wa 08/04/2008 rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 124;	Pursuant to Law n° 007/2008 of 08/04/2008 concerning organization of banking, especially in article 124;	Vu la Loi n° 007/2008 du 08/04/2008 portant organisation de l'activité bancaire, spécialement en son article 124 ;
Ishingiye ku Itegeko n° 40/2008 ryo ku wa 26/08/2008 rigena imitunganyirize y'imirimo y'imari iciriritse;	Pursuant to Law n° 40/2008 of 26/08/2008 establishing the organization of Micro Finance activities, especially in article ;	Vu la Loi n° 40/2008 du 26/08/2008 portant organisation de l'activité de microfinance, spécialement en ses articles;
Ishingiye ku Itegeko n° 03/2010 ryo ku wa 26/02/2010 ryerekeye uburyo bw'imyishyuranire cyane cyane mu ngingo zaryo iya 4, iya 7 n'iya 8 ;	Pursuant to Law n° 03/2010 of 26/02/2010 concerning payment, especially in articles 4, 7 and 8;	Vu la Loi n° 03/2010 du 26/02/2010 relative au système de paiement spécialement en ses articles 4, 7, et 8 ;
Ishingiye ku Itegeko n° 39/2015 ryo ku wa 22/08/2015 ryerekeye imicungire y'imitungo yasizwe na bene yo cyane cyane mu ngingo zaryo iya 5 n'iya 18;	Pursuant to Law n° 39/2015 of 22/08/2015 relating to the Management of abandoned property, especially in articles 5 and 18;	Vu la loi n° 39/2015 du 22/08/2015 relative à la gestion des biens abandonnés, spécialement en ses articles 5 et 18;
Banki Nkuru y'u Rwanda hano yiswe « Banki Nkuru » itegutse:	The National Bank of Rwanda hereinafter referred to as “ Central Bank”, decrees:	La Banque Nationale du Rwanda, ci-après dénommée « Banque Centrale », édicte:

<u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u>	<u>CHAPTER ONE: PROVISIONS</u>	<u>GENERAL</u>	<u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES</u>
<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo aya mabwiriza agamije	<u>Article One:</u> Purpose		<u>Article premier:</u> Objet
Aya mabwiriza akena ibisabwa ibigo mu kugaragaza no gucunga konti zitagikora n'izahagaze.	This Regulation defines the minimum requirements for identification and management of inactive and dormant accounts.		Le présent règlement définit les exigences minimales pour l'identification et la gestion des comptes inactifs et dormants.
<u>Ingingo ya 2:</u> Ibirebwa n'aya mabwiriza	<u>Article 2:</u> Scope of application		<u>Article 2:</u> Champ d'application
Aya mabwiriza areba konti zo mu bigo byakira amafaranga ya rubanda n'ibigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga.	This regulation shall apply to accounts held by deposit taking institutions and e-money issuers.		Le présent règlement s'applique aux comptes tenus par les institutions de collecte des dépôts et les émetteurs de monnaie électronique.
Aya mabwiriza ntareba ibyiciro bya konti bikurikira :	This Regulation shall not apply to the following categories of accounts:		Le présent règlement ne s'applique pas aux catégories de comptes suivantes:
1° Konti yo kuzigama, mu gihe icyo konti atari mberambyombi ngo igaragaraze ibiranga konti itunguka n'ibiranga konti yo kuzigama;	1° Savings accounts, provided that such accounts are not hybrid accounts which have features of both current and savings accounts;		1° Un compte d'épargne, à condition que ce ne soit pas un compte hybride présentant à la fois des caractéristiques de compte courant et celles de compte d'épargne;
2° Konti za Leta ;	2° Government institutions account's;		2° Compte de l'Etat;
3° Konti iri mu manza na/cyangwa igaragaraho uburiganya.	3° Account that is subject of litigation and/or fraud.		3° Compte qui fait l'objet de litige et/ou de fraude.
<u>Ingingo ya 3:</u> Ibisobanuro bw'amagambo	<u>Article 3:</u> Definitions		<u>Article 3:</u> Definitions
Muri aya mabwiriza, amagambo akurikira asobanura :	In this regulation, the following terms shall mean:		Dans le présent règlement, les termes suivants signifient:

1° **Amafaranga acibwa kuri konti :** akubiyemo ariko ntagarukiri ku mafaranga acibwa buri kwezi n'andi mafaranga ayariyo yose akurwa kuri konti y'umukiliya kubera igikorwa cyangwa serivisi runaka;

2° **Ikigo cyakira amafaranga ya rubanda :** ni banki cyangwa ikigo cy'imari iciririteste byemerewe kawira no kubika amafaranga ya rubanda ;

3° **Konti :** konti muri banki. konti mu kigo cy'imali iciriritse na konti koranabuhanga ;

4° **Konti itagikoresheha:** konti imaze igihe cy'amezi atandatu (6) nta gikorwa cy' umukiliya cyangwa cya nyiri konti kiyikozweho, icyo gihe kikabarwa guhera igihe umukiliya wa nyuma cyangwa nyiri konti aherukira kuyikoresheha;

5° **Konti yahagaze** ikubiyemo konti imaze igihe cy'umwaka umwe (1) nta gikorwa cy'umukiliya cyangwa cya nyiri konti kiyikozweho, icyo gihe kikabarwa guhera igihe umukiliya wa nyuma cyangwa nyiri konti aherukira kuyikoresheha;

1° **Fees and charges on account:** include but not limited to a monthly maintenance or management fees and any fee or charges on a client account for any transaction or service;

2° **Deposit taking institution:** a bank or a microfinance institution authorized to collect deposits from the public;

3° **Account:** include bank account, microfinance account and e-money account;

4° **Inactive account:** account in which no customer or depositor-initiated transaction has occurred for a period of six (6) months counted from the date of last transaction;

5° **Dormant account** includes account in which no customer or depositor-initiated transaction has occurred for a period of One (1) year counted from the date of such last transaction;

1° **Frais et charges sur un compte :** frais mensuels et tout frais ou charges sur un compte du client pour une transaction ou un service;

2° **Institution de collecte des dépôts :** une banque ou une institution de microfinance autorise de collecter les dépôts du public ;

3° **Compte :** inclut compte bancaire, compte dans l'institution de microfinance et compte électronique ;

4° **Compte inactif:** compte sur lequel aucune transaction initiée par un client ou par un déposant n'a eu lieu pour une période de six (6) mois à compter de la date la dernière transaction;

5° **Compte Dormant :** comprend un compte sur lequel aucune transaction initiée par un client ou par un déposant n'a eu lieu pour une période d'un (1) an à compter de la date d'une telle dernière transaction ;

- 6° **Ibigo bya Leta** : ibigo bya leta, inzego za Leta, inzego z'ubuyobozi z', minisiteri n'izindi nzego cyangwa ibigo biyoborwa na Leta cyangwa biterwa inkunga na Leta y'u Rwanda ;
- 6° **Government institutions**: public institutions, local government administration entities, ministries and any other organisation governed and/or funded by Government of Rwanda;
- 6° **Institutions gouvernementales**: institutions publiques, les entités des des administrations locales, des ministères et toute autre organisation régie et / ou financés par le gouvernement du Rwanda ;
- 7° **Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga** bisobanura utanga serivisi y'imyishyuranire wemerewe gutanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga hakurikijwe amabwiriza agenga abatanga serivisi z'imyishyuranire;
- 7° **E-money Issuer**: means a payment service provider authorized to issue e-money under the Regulations governing payment service providers;
- 7° **émetteur de monnaie électronique**: désigne un prestataire de services de paiement autorisé à émettre la monnaie électronique en vertu du règlement régissant les prestataires de services de paiement ;
- 8° **Igikorwa cy'umukiliya cyangwa cya nyiri konti**: gikubiyemo kubika, kubikuza no kohereza amafaranga ashyirwa cyangwa akurwa kuri konti. Muri aya mabwiriza, gukura kuri konti amafaranga yishyurwa icungwa rya konti cyangwa ikindi gikorwa cyangwa kuyishyiraho amafaranga y'inyungu bishingiye ku masezerano banki yagiranye n'umukiliya wayo, ntibifatwa nk'igikorwa cy'umukiliya cyangwa cya nyiri konti.
- 8° **Customer or depositor-initiated transaction**: includes cash deposits, withdrawals and transfers to or from the account. For the purpose of this regulation, the debiting of a fee or the crediting of interest to a deposit account in accordance with any agreement made with the customer shall not be deemed to be a customer or depositor-initiated transaction.
- 8° **Transaction initiée par un client ou par un déposant** : comprend les dépôts en espèces, les retraits et les transferts vers ou du compte. Aux fins du présent règlement, débiter un compte d'un frais ou le crédit des intérêts conformément à un accord conclu avec le client n'est pas considéré comme une transaction initiée par un client ou par le déposant.
- 9° **Amafaranga idakurikiranwa**: amafaranga yitwa ko adakurikiranwa, iyo bigaragara ko atagikoreshwa, (uretse kwishyuraho inyungu no gukurwaho amafaranga acibwa n'ikigo cy'imari y' icungwa rya konti)
- 9° **Unclaimed funds**: funds shall be classified as unclaimed if the same are not transacted (other than interest credits and service charge debits) for 5 years from the date of last transaction. Funds on term deposit account shall be
- 9° **fonds non réclamés**: fonds classé comme dépôts non réclamés si ce ils ne sont pas utilisés (opérations autres que les crédits d'intérêt et les débits de frais de service) pendant 5 ans à compter de la date de la dernière opération. Les

mu gihe cy'imyaka itanu (5) ibarwa guhera igihe igikorwa cya nyuma cyabereye kuri konti. Amafaranga ari kuri konti ibitswaho igihe kirekire afatwa nkatagikurikiranwa iyo hashize imyaka itanu (5) amazererano atongerewe igihe cyangwa cyangwa amafaranga atabikujwe, keretse igihe ikigo cy'akira amafaranga ya rubanda cyahawe ububasha bwo kongerera igihe amasezerano y'ibitsa kuri iyo konti).

classified as unclaimed if the term deposit is not renewed or funds are not withdrawn after 5 years from the date of maturity, unless a deposit taking institution has been given a mandate to roll-over the term deposit contract.

fonds sur un compte de dépôt à terme est classé comme dépôts non réclamés si le terme n'est pas renouvelé ou les dépôts ne sont pas retirés après 5 ans à compter de la date d'échéance, à moins qu'il ait été donné mandat à l'institution de collecte des dépôts de renouveler le contrat de dépôt à terme.

UMUTWE WA II: IGENZURA RYA KONTI ZIDAKORESHA, N'IZAHAGAZE

CHAPTER II: IDENTIFICATION OF INACTIVE AND DORMANT ACCOUNTS

CHAPITRE II: IDENTIFICATION DES COMPTES INACTIFS ET DES COMPTES DORMANTS

Ingingo ya 4: Inshingano yo kugenzura konti zitagikoreshwa, n'izahagaze

Article 4: Obligation of identification of inactive and dormant accounts

Article 4: Obligation d'identification des comptes inactifs et des comptes dormants

Ikigo cyakira amafaranga ya rubanda n'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bigomba gushyiraho politiki yo gucunga konti zitagikoreshwa na konti zahagaze harimo n'ingamba zo kwirinda gukoresha nabi amafaranga ari kuri izo konti

A deposit taking institution and an e-money issuer shall put in place a policy on management of inactive and dormant accounts including the preventive measures of misuse of balances of such accounts.

Une institution de collecte des dépôts et un émetteur de monnaie électronique doit mettre en place une politique de gestion des comptes inactifs et des comptes dormants y compris les mesures de prévention de l'utilisation abusive des soldes de ces comptes.

Ikigo cyakira amafaranga ya rubanda n'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bisabwa kandi kugira uburyo bw'ikoranabuhanga butuma konti zitagikoreshwa n'izahagaze zimenyekana.

A deposit taking institution and an e-money issuer shall also have a system allowing them to identify inactive and dormant accounts.

Une institution collecte des dépôts et un émetteur de monnaie électronique sont aussi tenus d'avoir en place un système permettant d'identifier les comptes inactifs et les comptes dormants

Ingingo ya 5: Kumenyesha umukiliya ko konti itagikoreshwa cyangwa yahagaze

Iyo konti y'umukiliya iri hafi gufatwa nk'itagikoreshwa cyangwa iyahagaze, ikigo cyakira amafaranga ya rubanda cyangwa kigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kimenyesha nyiri konti ko konti ye irihafi gufatwa nk'itagikoreshwa cyangwa iyahagaze, cyangwa ko yamaze gushyirwa mu cyiciro cya konti zitagikoreshwa, kikamugira inama yo kongera kuyikoresha.

UMUTWE WA III: IMICUNGIRE YA KONTI ITAGIKORESHA N'IYAHAGAZE

Ingingo ya 6 : Imicungire, ihagarika n'ifungurwa rya konti itagikoreshwa n'iyahagaze

Iyo nyiri konti atongeye gukoresha konti ye, yerekanwa ku makuru y'umukiliya nk'« itagikoreshwa ».

Igikorwa cyo kubitsa mu gihe konti itagikoreshwa cyangwa mu gihe yahagaze ntigishobora gutuma ifatwa nkikoresha keretse icyo igikorwa gikozwe na nyiri konti. Igikorwa cyo gukubikuzza gituma konti ifatwa nkikoresha iyo gikozwe na nyiri konti cyangwa uwo yabihereye ububasha.

Article 5: Notification of inactivity and dormancy status of account

Where an account is becoming inactive or dormant, a deposit taking institution and an e-money issuer shall inform the account holder (s) that the account is about to be or has already been classified as inactive or dormant and require the account holder to reactivate the account.

CHAPTER III: MANAGEMENT OF INACTIVE AND DORMANT ACCOUNTS

Article 6: Management, suspension and reactivation of inactive and dormant accounts

Where the account holder fails to reactivate the account, it shall be flagged on the client database system as “inactive”.

Credit transaction during the inactivity or dormancy period shall not reactive the inactive or dormant account unless the transaction is done by the account holder only. Only the account holder or its mandated person's debit transaction shall reactive the inactive or the dormant account.

Article 5: Notification d'état d'inactivité ou de dormance d'un compte

Lorsqu'un compte tend à devenir inactif ou dormant, l'institution financière ou un émetteur de monnaie électronique notifie le titulaire(s) de ce compte du fait que le compte est sur le point d'être ou a déjà été classé comme inactif ou dormant et exige ce(s) titulaire (s) de le réactiver.

CHAPITRE III: GESTION D'UN COMPTE INACTIF ET D'UN COMPTE DORMANT

Article 6: Gestion, suspension et réactivation des comptes inactifs et dormants

Si le titulaire du compte ne réactive pas son compte, il est marqué dans la base de données que le compte est « inactif ».

Pendant la période de l'inactivité ou de dormance d'un compte, l'opération de créditer un compte active le compte sauf si elle est faite par le titulaire du compte ou son mandataire. Seule la transaction de retrait active le compte inactif ou dormant si elle est faite par le titulaire du compte ou son mandataire.

Ibikubiye mu gika cya kabiri (2) cy'iyi ngingo byubahirizwa gusa kuri konti koranabuhanga idakora mu gihe cy'amezi atatu nyuma y'igikorwa cya nyuma kuri iyo konti mu gihe amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga yatanze hifashishijwe ibigo bitanga serivisi zigendanwa, ataribyo kongera gukoresha konti bizasaba ko umukiliya agaragaza ibimuranga.

Nyuma y'amezi atatu (3) avugwa mu gika cya gatatu (3) cy'iyi ngingo kandi numero ya telefone yaratanze na konti koranabuhanga, amafaranga ari mu buryo koranabuhanga agomba gushyirwa kuri konti y'agateganyo yihariye.

Ingingo ya 7: Ibubujwe ku mafaranga acibwa kuri konti

Ikigo cyakira amafaranga ya rubanda gishobora guca gusa amafaranga ajyanye no gucunga konti kuri konti itagikoreshwa igihe gusa iyo konti iriho umubare w'amafaranga uhagije mu kwishyura ayo mafaranga.

Bitabangamiye ibiteganywa mu gika cya mbere (1) cy'iyi ngingo, ikigo cyakira amafaranga ya rubanda n'ikigo cyakira amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ntigishobora guca amafaranga yo gucunga konti kuri konti yahagaze, cyangwa amafaranga yo kongera gukoresha konti itagikoreshwa cyangwa yahagaze.

The provision of paragraph two of this Article applies to inactive e-money account only within the period of three (3) months from the date of the last transaction in case e-money is issued through mobile network operator platform; otherwise the reactivation will require the customer identification requirements.

After three (3) months provided in paragraph three (3) of this Article, and where the account number was disassociated with the e- money account; the balance shall be put on the specific temporary e-money account.

Article 7 : Limitations on fees and charges on account

A deposit taking institution may only levy fees and charges on an inactive account if and only if the account has sufficient balance to cover the fees and charges.

Without prejudice to the provisions of Paragraph one (1) of this Article, a deposit taking institution and an e- money issuer shall not levy fees and charges on dormant accounts or charge any fee or charges for reactivation of an inactive and dormant account.

Les dispositions de l'alinéa deux (2) du présent article s'applique au compte en monnaie électronique inactif seulement dans la période de trois (3) mois à compter de la date de la dernière transaction ; dans le cas contraire la réactivation nécessitera les exigences de l'identification client.

Après trois (3) mois prévu à l'alinéa trois (3) du présent Article, et où le numéro de compte a été dissocié avec le compte de monnaie électronique; le solde doit être mis sur le compte temporaire de la monnaie électronique spécifique.

Article 7 : Limitation sur frais et charges sur un compte

Une institution de collecte des dépôts peut prélever des frais charges sur un compte inactif si et seulement si le compte à un solde suffisant pour couvrir les frais et charges.

Sans préjudice aux dispositions de l'alinéa premier (1) du présent Article, une institution de collecte des dépôts et un émetteur de monnaie électronique ne peut prélever des frais et charges sur les comptes dormants ou imposer des frais ou charges pour la réactivation d'un compte inactif ou dormant.

Ingingo ya 8: Gutanga raporo kuri konti zitagikoreshwa n'izahagaze

Konti zose zitagikoreshwa cyangwa zahagaze zikorera raporo igaragaza neza igihe zagiye zishyirwa mu byiciro bivugwa haruguru kandi iyo raporo igashyikirizwa Banki Nkuru buri gihembwe.

Raporo igomba gushikirizwa Banki Nkuru mu gihe cy'iminsi icumi (10) y'igihembwe gikurikira.

Ingingo ya 9 : Koherereza Banki Nkuru amafaranga atakurikiranwe na bene yo

Iyo hashize igihe cy'imyaka itanu (5) amafaranga ari kuri konti yashyizwe mu cyiciro cya konti zahagaze kandi atakurikiranwe na bene yo, ayo mafaranga yoherezwa Banki Nkuru bigakorwa n'ikigo cyakira amafaranga ya rubanda n'ikigo gitanga amafaranga mu buryo bw'ikoranabuhanga, mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ibarwa guhera igihe iyo myaka itanu (5) yarangiriye.

Ikigo cyakira amafaranga ya rubanda n'ikigo gitanga amafaranga mu buryo bw'ikoranabuhanga cyohereje ayo mafaranga bibika amakuru arebana n'umwirondoro wa nyiri konti.

Article 8 : Reporting of inactive and dormant accounts

All accounts classified as inactive or dormant shall be properly aged and reported to the Central Bank on quarterly basis.

The report shall be submitted to the Central Bank within ten (10) days of the following quarter in the format prescribed by the Central Bank.

Article 9 : Transfer of unclaimed funds to the Central Bank

Unclaimed funds and balances on account that have been dormant for five (5) years shall be transferred to the Central Bank by a deposit taking institution and the e-money issuer, within a period not exceeding thirty (30) days from the end of the five (5) years.

Upon transfer of unclaimed balances, the deposit taking institution or the e-money issuer shall retain all its identifying information of the account holder.

Article 8 : Rapport sur les comptes inactifs et dormants

Tous les comptes classés inactifs ou dormants doivent être correctement datés et transmis à la Banque Centrale chaque trimestre.

Le rapport sera soumis à la Banque centrale dans les dix (10) jours du trimestre suivant dans le format prescrit par la Banque Centrale.

Article 9: Transfert de fonds non réclamés à la Banque Centrale

Les soldes non réclamés sur les comptes qui ont été classés comme dormants pendant cinq (5) ans sont transférés à la Banque Centrale par l'institution de collecte des dépôts et l'émetteur de monnaie dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours à compter de la fin de cinq (5) ans.

Quand l'institution de collecte des dépôts et l'émetteur de monnaie électronique effectue un transfert de soldes non réclamées, elle garde toutes les informations pour l'identification du titulaire de compte.

Koherereza Banki Nkuru amafaranga atagikurikiranwa na bene yo ntibikura ku kigo cyakira amafaranga ya rubanda cyangwa ikigo gitanga amafaranga ku buryo bw'ikoranabuhanga uburyozwe bwashingira ku mafaranga adakurikiranwa na beneyo ibyo bigo bitoherereje Banki Nkuru n'ibindi bibazo byavuka kuri konti y'umukiliya.

Ikigo cyakira amafaranga ya rubanda cyangwa gitanga amafaranga ku buryo bw'ikoranabuhanga kimenyesha nyiri konti ko giteganywa koherereza Banki Nkuru amafaranga asigaye kuri konti ye, nibura umwaka umwe (1) mbere y'uko igihe giteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo kirangira. Imenyekanisha rikorerwa aho nyiri konti abarizwa hazwi hashingiwe ku makuru ya vuba yatanze.

Bitabangamiye ibiteganywa mu ingingo z'aya mabwiriza, biramutse bitegetswe n'Urukiko nk'uko biteganywa n'Itegeko ryerekeye imicungire y'imitungo yasizwe na bene yo, iyohereza rivugwa mu gika cya mbere (1) cy'iyi ngingo rishobora gukorwa mbere yuko imyaka itanu (5) yavuzwe irangira.

Ingingo ya 10: Imicungire y'amafaranga atarakurikiranywe

Amafaranga yoherejwe kuri Banki Nkuru nk'uko biteganywa n'aya mabwiriza afatwa

The transfer of the unclaimed balances shall not discharge the deposit taking institution and the e-money issuer from any subsequent liability relating to unclaimed balances that are not handed over to the Central Bank and any other claim that may occur to the customer's account.

A deposit taking institution and an e-money issuer shall, at least one year before the expiration of the period specified in paragraph one of this Article, notify the owner, to his or her last known address, of its intention to hand over of the said balances to the Central Bank.

Without prejudice to the provisions of this regulation, upon the Court decision in accordance with the law regulating abandoned property, the transfer provided for under paragraph one of this Article may be effected before the expiration of the period of five (5) years.

Article 10: Management of unclaimed funds

The funds transferred to the Central Bank in accordance with this regulation shall be

Le transfert du solde non réclamé ne décharge pas l'institution de collecte des dépôts ou l'émetteur de monnaie électronique de sa responsabilité pour les soldes non réclamés qui ne sont pas transférés à la Banque Centrale et toute autre réclamation du client sur son compte.

Une institution de collecte des dépôts ou/et un émetteur de monnaie électronique notifie au titulaire, dans un délai d'au moins un (1) avant la fin de la période spécifiée à l'alinéa premier du présent article, à sa dernière adresse connue et avec accusé de réception, de son intention de transférer lesdits soldes à la Banque Centrale.

Sans préjudice aux dispositions du présent règlement, sur décision de la Cour, conformément à la loi relative à la gestion des biens abandonnés, le transfert prévu à l'alinéa premier du présent Article peut être effectué avant l'expiration de de la période de cinq (5) ans.

Article 10: Gestion de fonds non réclamés

Les fonds transférés à la Banque Centrale, conformément au présent règlement sont

nk'imitungo yasizwe na bene yo kandi acungwa hakurikijwe itegeko ryerekeye imicungire y'imitungo yasizwe na beneyo.

**UMUTWE WA IV : IBIHANO MU
MAFARANGA N'INGINGO ZISOZA**

Ingingo ya 11 : Ibiho mu mafaranga

Ikigo cyakira amafaranga ya rubanda n'ikigo gitanga amafaranga mu buryo koranabuhanga bitashikiriye Banki Nkuru amafaranga atakurikiranwe na bene yo mu gihe kivugwa mu ngingo ya cyenda (9) y'aya mabwiriza gicibwa amafaranga ibihumbi mirongo itanu (FRW 50,000) kuri buri muni w'ubukerewe.

Ikigo cyakira amafaranga ya rubanda n'ikigo gitanga amafaranga mu buryo koranabuhanga bitashikiriye Banki Nkuru raporo mu gihe kivugwa mu ngingo ya munani (8) y'aya mabwiriza gicibwa amafaranga ibihumbi mirongo itanu (FRW 50,000) kuri buri muni w'ubukerewe.

**Ingingo ya 12: Ivanwaho ry'ingingo
zinyuranyije n'aya mabwiriza**

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije na yo zivanyweho.

treated as abandoned property and managed in accordance with the Law relating to the management of abandoned property.

**CHAPITRE IV: PECUNIARY
SANCTIONS AND FINAL
PROVISIONS**

Article 11: Pecuniary sanction

A deposit taking institution and an e-money issuer that have not transferred the unclaimed funds to the Central Bank within the period mentioned in Article nine (9) of this Article shall be liable to a penalty of Fifty Thousand Rwanda Francs (50,000 FRW) per day of delay.

A deposit taking institution and an e-money issuer which fails to submit report to the Central Bank within the period stated in Article eight (8) of this Regulation shall be liable to a penalty of Fifty Thousand Rwanda Francs (50,000 FRW) per day of delay.

Article 12: Repealing provision

All prior regulatory provisions inconsistent with this Regulation are hereby repealed.

considérés comme des biens abandonnés et gérés conformément à la loi relative à la gestion des biens abandonnés.

**CHAPITRE IV : SANCTIONS
PECUNIAIRE ET DISPOSITIONS
FINALES**

Article 11 : Sanction pécuniaire

Une institution de collecte des dépôts et un émetteur de monnaie électronique qui n'ont pas transféré les fonds non réclamés à la Banque Centrale dans le délai mentionné à l'article neuf (9) du présent article est passible de cinquante cent mille francs rwandais (50 000 FRW) par chaque jour de retard.

Une institution de collecte des dépôts et un émetteur de monnaie électronique qui n'ont pas transmis les rapport à la Banque Centrale dans le délai mentionné à l'article huit (8) du présent article est passible de cinquante cent mille francs rwandais (50 000 FRW) par chaque jour de retard.

Article 12: Abrogation

Toutes dispositions réglementaires antérieures contraires au présent Règlement sont abrogées.

Ingingo ya 13 : Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku muni atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Bikorewe i Kigali, ku wa 01/12/2016

(sé)
RWANGOMBWA John
Guverineri

Article 13: Commencement

This Regulation shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Done in Kigali, on 01/12/2016

(sé)
RWANGOMBWA John
Governor

Article 13 : Entrée en vigueur

Le présent règlement entre en vigueur le jour de sa publication dans le Journal Officiel de la République du Rwanda.

Fait à Kigali, le 01/12/2016

(sé)
RWANGOMBWA John
Gouverneur

AMABWIRIZA N° 08/2016 YO KUWA 01/12/2016 AGENGA ABATANGA AMAFARANGA ARI MU BURYO BW'IKORANABUHANGA	REGULATION N° 08/2016 OF 01/12/2016 GOVERNING THE ELECTRONIC MONEY ISSUERS	REGLEMENT N° 08/2016 DU 01/12/2016 REGISSANT LES EMETTEURS DE MONNAIE ÉLECTRONIQUE
<u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE	<u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE PREMIER:</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES
<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo aya mabwiriza agamije	<u>Article One:</u> Purpose of this regulation	<u>Article premier:</u> Objet du présent règlement
<u>Ingingo ya 2:</u> Ibisobanuro	<u>Article 2:</u> Definitions	<u>Article 2:</u> Définitions
<u>Ingingo ya 3:</u> Ibirebwa n'aya mabwiriza	<u>Article 3:</u> Scope	<u>Article 3:</u> Champs d'application
<u>UMUTWE WA II:</u> URUHUSHYA RW'ITANGWA RY'AMAFARANGA ARI MU BURYO BW'IKORANABUHANGA	<u>CHAPTER II:</u> AUTHORISATION FOR E- MONEY ISSUANCE	<u>CHAPITRE II:</u> AUTORISATION POUR L'EMISSION DE MONNAIE ELECTRONIQUE
<u>Ingingo ya 4:</u> Iyemererwa	<u>Article 4:</u> Licensing	<u>Article 4:</u> Agrément
<u>Ingingo ya 5:</u> Kwemeza inzego zagenzuwe na Banki Nkuru kugira ngo zitange amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga	<u>Article 5:</u> Approval for Institutions supervised by the Central Bank to issue e- money	<u>Article 5:</u> Approbation pour les institutions supervisées par la Banque Centrale afin d'émettre la monnaie électronique
<u>Ingingo ya 6:</u> Ihagarikwa rya serivisi z'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga	<u>Article 6:</u> Discontinuation of e-money services	<u>Article 6:</u> Cessation des services de la monnaie électronique
<u>Ingingo ya 7:</u> Ishyirwa mu bikorwa ryo guhagarika serivisi z'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga	<u>Article 7:</u> Effect of discontinuation of e- money services	<u>Article 7:</u> Effet de l'arrêt des services de monnaie électronique
<u>Ingingo ya 8:</u> Igihombo cyangwa iseswa rya banki ifunguyemo konti zihuriweho	<u>Article 8:</u> Bankruptcy or liquidation of the bank holding trust accounts	<u>Article 8 :</u> Faillite ou liquidation de la Banque détenant des comptes en fiducie

<u>Ingingo ya 9:</u> Kurinda no kubungabunga konti ihuriweho kugira ngo zidafatirwa	<u>Article 9:</u> Protection of trust accounts against attachments and seizure	<u>Article 9:</u> Protection des comptes en fiducie contre les séquestres et les saisies
<u>UMUTWE WA III:</u> IMICUNGIRE YA KONTI Z'AMAFARANGA ARI MU BURYO BW'IKORANABUHANGA	<u>CHAPTER III:</u> E-MONEY ACCOUNT MANAGEMENT	<u>CHAPITRE III :</u> GESTION DE COMPTES DE MONNAIE ELECTRONIQUE
<u>Ingingo ya 10:</u> Ibyiciro bya konti z'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga	<u>Article 10:</u> Categories of e-money accounts	<u>Article 10:</u> Catégories de comptes de monnaie électronique
<u>Ingingo ya 11:</u> Ibisabwa mu gufunguza konti nibura	<u>Article 11:</u> Minimum account opening requirements	<u>Article 11:</u> Les exigences minimales d'ouverture de compte
<u>Ingingo ya 12:</u> Ikoreshwa rya konti	<u>Article 12:</u> Account activation	<u>Article 12:</u> Activation du compte
<u>Ingingo ya 13:</u> Amasezerano yerekeye serivisi z'abakiriya	<u>Article 13:</u> Customer services agreements	<u>Article 13:</u> Accords de services à la clientèle
<u>Ingingo ya 14:</u> Ibyerekeye kubika ibanga ry'amakuru	<u>Article 14:</u> Confidentiality and data privacy	<u>Article 14:</u> la confidentialité et protection des données
<u>Ingingo ya 15:</u> Ibisabwa ku makarita y'agaciro k'ibibitswe	<u>Article 15:</u> Requirements for stored value cards	<u>Article 15:</u> Exigences pour les cartes à valeur stockée
<u>UMUTWE WA IV:</u> IMICUNGIRE Y'IBYATEZA INGORANE	<u>CHAPTER IV:</u> RISK MANAGEMENT	<u>CHAPITRE IV:</u> GESTION DES RISQUES
<u>Ingingo ya 16:</u> Amabwiriza y'imiyoborere agenga ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bitari banki	<u>Article 16:</u> Corporate governance rules applicable to non-bank e- money issuers	<u>Article 16:</u> Les regles de gouvernance d'une entreprise applicables aux émetteurs de monnaie non-bancaires
<u>Ingingo ya 17:</u> Ibisabwa mu bijyanye n'amafaranga	<u>Article 17:</u> Liquid Assets Requirements	<u>Article 17:</u> Les exigences des actifs liquides

<u>Ingingo ya 18:</u> Ibisabwa mu bijyanye no gutandukanya amafaranga	<u>Article 18:</u> Fund Isolation Requirements	<u>Article 18:</u> Exigences pour l'isolement des fonds
<u>Ingingo ya 19:</u> Konti ihuriweho na konti yihariye	<u>Article 19:</u> Trust account and special account	<u>Article 19:</u> Compte en fiducie et compte spécial
<u>Ingingo ya 20:</u> Ishyirwaho ry'ucunga iby'abandi w'umwuga	<u>Article 20:</u> Establishment of Trust	<u>Article 20:</u> Etablissement d'un fidéicommissaire
<u>Ingingo ya 21:</u> Inshingano z'ucunga iby'abandi w'umwuga	<u>Article 21:</u> Obligations of the Trustee	<u>Article 21:</u> Obligations d'un fidéicommissaire
<u>Ingingo ya 22:</u> Ibigize inyandiko ishyiraho konti ihuriweho	<u>Article 22:</u> Contents of the trust instrument	<u>Article 22:</u> Contenu d'acte de fiducie
<u>Ingingo ya 23:</u> Ibigomba kubahirizwa	<u>Article 23:</u> Compliance Requirements	<u>Article 23:</u> Exigences de conformité
<u>Ingingo ya 24:</u> Itangwa ry'amakuru n'imenyekanisha	<u>Article 24:</u> Reporting and Notification	<u>Article 24:</u> Reporting et notification
<u>Ingingo ya 25:</u> Imiyoborere igaragaza uko imirimo ikomeza gukorwa	<u>Article 25:</u> Business Continuity management	<u>Article 25:</u> Gestion de la continuité des opérations
<u>UMUTWE WA V:</u> IBYEREKEYE IMIKORERE	<u>CHAPTER V:</u> OPERATIONAL ARRANGEMENTS	<u>CHAPITRE V:</u> ENTENTES OPERATIONNELLES
<u>Ingingo ya 26:</u> Ibikorwa byemewe n'ibitemewe	<u>Article 26:</u> Permitted and Prohibited Activities	<u>Article 26:</u> Activités autorisées et interdites
<u>Ingingo ya 27:</u> Gutanga no kwisubiza amafaranga	<u>Article 27:</u> Issuance and Redeemability	<u>Article 27:</u> Émission et remboursabilité
<u>Ingingo ya 28:</u> Umubare ntarengwa w'inganao y'amafaranga yohererezanwa n'abikwa	<u>Article 28:</u> Transaction and balance limits	<u>Article 28:</u> Limites sur soldes et de transferts

<u>Ingingo ya 29:</u> Ibikorwa by'iherekana ry'amafaranga hatifashishijwe konti	<u>Article 29:</u> Over-the-counter transactions	<u>Article 29:</u> Opérations de gré à gré
<u>Ingingo ya 30:</u> Konti zibyara inyungu	<u>Article 30:</u> Interest account bearing	<u>Article 30:</u> Compte portant intérêt
<u>Ingingo ya 31:</u> Ibikorwa by'ihwanyabwishyu	<u>Article 31:</u> Settlement of Transactions	<u>Article 31:</u> Règlement des opérations
<u>Ingingo ya 32:</u> Gukora ibikorwa	<u>Article 32:</u> Transaction Processing	<u>Article 32:</u> Traitement des opérations
<u>Ingingo ya 33:</u> Ikoranabuhanga rikoresheka	<u>Article 33:</u> Technology to be used	<u>Article 33:</u> Technologie à utiliser
<u>Ingingo ya 34:</u> Ibisabwa mu kwifashisha ibindi bigo mu gukora imirimo	<u>Article 34:</u> Outsourcing requirements	<u>Article 34:</u> Conditions de sous-traitance
<u>UMUTWE WA VI:</u> KURENGERA UMUGUZI	<u>CHAPTER VI:</u> CONSUMER PROTECTION	<u>CHAPITRE VI:</u> PROTECTION DES CONSOMMATEURS
<u>Ingingo ya 35:</u> Amahame yo kurengera umuguzi	<u>Article 35:</u> Principles of Consumer Protection	<u>Article 35:</u> Principes de protection des consommateurs
<u>Ingingo ya 36:</u> Ibiciro bikwiye kandi biri mu mucyo	<u>Article 36:</u> Fair and transparent pricing	<u>Article 36:</u> Prix équitable et transparent
<u>UMUTWE WA VII:</u> INGINGO ZISOZA N'INZIBACYUHO	<u>CHAPTER VII:</u> FINAL AND TRANSITIONAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE VII:</u> DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES
<u>Ingingo ya 37:</u> Ingingo y'inzibacyuho	<u>Article 37:</u> Transitional provision	<u>Article 37:</u> Disposition transitoire
<u>Ingingo ya 38:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza	<u>Article 38:</u> Repealing provision	<u>Article 38:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 39:</u> Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa	<u>Article 39:</u> Commencement	<u>Article 39:</u> Entrée en vigueur

**AMABWIRIZA N° 08/2016 YO KUWA
01/12/2016 AGENGA ABATANGA
AMAFARANGA ARI MU BURYO
BW'IKORANABUHANGA**

**REGULATION N° 08/2016 OF 01/12/2016
GOVERNING THE ELECTRONIC
MONEY ISSUERS**

**REGLEMENT N° 08/2016 DU 01 /12 / 2016
RÉGISSANT LES ÉMETTEURS DE
MONNAIE ÉLECTRONIQUE**

Ishingiye ku Itegeko N° 55/2007 yo kuwa 30/11/2007 rigenga Banki Nkuru y' u Rwanda, cyane cyane mu ngingo ya 6, iya 56, iya 57 n'iya 58;

Pursuant to Law N° 55/2007 of 30/11/2007 governing Central Bank of Rwanda, especially in articles 6, 56, 57 and 58;

Vu la loi N° 55/2007 du 30/11/2007 régissant la Banque Centrale du Rwanda, spécialement en ses articles 6, 56, 57 et 58 ;

Ishingiye ku Itegeko N°03/2010 ryo kuwa 26/02/2010 ryerekeye uburyo bw'imyishyuranire, cyane cyane mu ngingo ya 3, iya 5, iya 7, iya 8 n'iya 10;

Pursuant to Law N°03/2010 of 26/02/2010 concerning Payment System, especially in articles 3, 5, 7, 8 and 10;

Vu la loi N° 03/2010 du 26/02/2010 concernant le système de paiement, en particulier dans les articles 3, 5, 7, 8 et 10;

Ishingiye ku Itegeko N°20/2013 ryo kuwa 25/03/2013 rigenga ishyirwaho ry'ibigega by'ubwizerane n'abacunga iby'abandi b'umwuga; cyane cyane mu ngingo ya 7 ;

Pursuant to Law N°20/2013 of 25/03/2013 regulating the creation of trusts and trustees, especially in article 7;

Vu la loi N° 20/2013 du 25/03/2013 portant réglementation de la creation des fiducies et des fideicommissaires, en particulier dans son article 7;

Banki Nkuru y'u Rwanda ivugwa nka « **Banki Nkuru** » itanze amabwiriza akurikira:

The National Bank of Rwanda hereinafter referred to as “**the Central Bank**” decrees:

La Banque Nationale du Rwanda, ci-après dénommée « **Banque Centrale** », édicte:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GÉNÉRALES**

**Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza
agamije**

Article One: Purpose of this regulation

**Article premier: Objet du présent
règlement**

Aya mabwiriza ashiraho amabwiriza agenga ibikorwa by'ibigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga no kubungabunga

This Regulation sets forth the rules governing the activities of the electronic money issuers and the safeguarding measures of money that belong to e-money holders.

Le présent Règlement établit les règles régissant les activités des émetteurs de monnaie électronique et les mesures de

amafaranga abitswe mu buryo
bw'ikoranabuhanga.

protection de fonds appartenant aux détenteurs
de monnaie électronique.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro

Muri aya mabwiriza, amagambo akurikira
asobanura :

1.« **Intumwa** » keretse bisobanuwe ukundi
mu mabwiriza ya Banki Nkuru agenga
intumwa, bisobanura umuntu cyangwa ikigo
gifite cyemewe n'amategeko giha abakiriya
serivisi z'amafaranga ari mu buryo
bw'ikoranabuhanga mu izina ry'ikigo gitanga
amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga
hashingiwe ku masezerano gifitanye n'ikigo
afite agaciro;

2.« **Iyemererwa** » bisobanura uruhushya
cyangwa icyemezo Banki Nkuru iha ikigo
gitanga amafaranga ari mu buryo
bw'ikoranabuhanga;

3.« **Banki** » bisobanura ikigo kigenzurwa nka
« Banki » kandi cyemerewe kwakira no
kubika amafaranga ya rubanda ;

4.« **Itegeko rigenga imitunganyirize
y'imirimo y'amabanki** » bisobanura
Itegeko rigenga imitunganyirize y'imirimo
y'amabanki;

Article 2: Definitions

In this regulation, the following terms and
expressions shall mean:

1.“**Agent**”: unless defined otherwise in the
regulation of the Central Bank governing
agents, means an individual person or legal
entity providing services of e-money issuer to
the customers on behalf of the e-money issuer
under a valid agency agreement;

2.“**Authorization**” means the license or the
approval provided by the Central Bank to an
issuer of e-money;

3.“**Bank**” means an institution regulated as a
“Bank” and authorized to collect deposits from
the public;

4.“**Banking Law**” means the Law concerning
the organization of banking activities;

Article 2: Définitions

Dans le présent règlement, les termes et
expressions suivantes signifient :

1.« **Agent** »: sauf si défini autrement dans le
Règlement de la Banque Centrale régissant les
agents, désigne une personne physique ou
morale offrant des services d'émetteur de
monnaie électronique à la clientèle pour le
compte de l'émetteur de monnaie électronique
en vertu d'un contrat d'une agence valide;

2. **Autorisation** » signifie l'approbation ou
l'agrément fourni par la Banque Centrale à un
émetteur de monnaie électronique ;

3.« **Banque** » désigne un établissement
réglementé en tant que « Banque » et autorisé
de collecter les dépôts du public ;

4.« **Loi bancaire** » désigne la loi relative à
l'organisation des activités bancaires;

5. «**Ikirego**» bisobanura inyandiko igaragaza ukutanyurwa na serivisi zitangwa n'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa z'uwo bafatanywa cyangwa z'uho yafashe abamugana igihe yakoraga ibikorwa by'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga.

6. «**Kubika** » bisobanura kwakira inoti cyangwa ibiceri maze hagakurikizwa uburyo buteganyijwe kugira ngo amafaranga abikwe kuri konti y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga y'umukiriya. Kubika hakubiyemo kohereza amafaranga bikozwe n'umukiriya ayavana kuri konti ye iri mu kigo cy'imari ashirwa kuri konti ye y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga.

7. « **Kubikuza** » bisobanura gutanga inoti cyangwa ibiceri maze hagakurikizwa uburyo buteganyijwe kugira ngo habikuzwe amafaranga kuri konti y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga y'umukiriya. Kubikuza hakubiyemo kohereza amafaranga bikozwe y'abakiriya bayavana kuri konti y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga yabo ashirwa kuri konti yabo iri mu bigo by'imari;

8. « **Imari shingiro fatizo** » bisobanura umutungo w'abanyamigabane mu buryo bw'imigabane isanzwe yemejwe kandi yishyurwe yose, hiyongereho amafaranga

5. “**Complaint**” means a statement of dissatisfaction against an e-money issuer or his partner for a service provided or treatment received while transacting through the e-money channel.

6. “**cash-in**” means accepting banknotes or coins and performing the necessary steps to initiate the crediting of that monetary value to the customer's e-money account. The “cash in” includes a transfer of money by a client of financial institution from their own account held in the financial institutions to their own e-money account;

7. “**cash-out**” means giving out banknotes or coins and performing the necessary steps to initiate the debiting of that monetary value from the customer's e-money account. The “Cash out” includes a transfer of money by clients from their e-money accounts to their own accounts held in the financial institutions;

8. “**core capital**” means shareholders equity in the form of issued and fully paid-up shares of common stock, plus all

5.«**plainte**» signifie une déclaration d'insatisfaction contre un émetteur de monnaie électronique ou son partenaire pour un service fourni ou un traitement subi lors d'une opération effectuée à travers le réseau de monnaie électronique.

6.« **encaissement** » signifie accepter des billets ou pièces et effectuer les étapes nécessaires pour initier la comptabilisation par crédit de cette valeur monétaire sur le compte de monnaie électronique du client. L'encaissement comprend aussi transférer l'argent par le client de son compte tenu dans les institutions financières vers son compte de monnaie électronique;

7. «**Remboursement** » signifie donner des billets de banque ou pièces de monnaie et effectuer les mesures nécessaires pour initier le prélèvement par débit de cette valeur monétaire sur le compte de monnaie électronique. L'encaissement comprend aussi transférer l'argent par les clients de leur compte de monnaie électronique vers leur comptes tenus dans les institutions financières;

| m. Ahabarizwa umwe bantu ba hafi b' ufite amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga, akaba ari naho hohererezwa imenyeshya ko konti y'amafaranga itagikora cyangwa yahagaze mu gihe nyiri konti ataboneka. | m. The contact details of the next of kin of the e-money account holder, to which the e-money issuer shall send notification in case of the inactivity or dormancy of e-money account in the absence of the account holder. | m. Les adresses de contact du proche parent du détenteur de monnaie électronique, auxquelles l'émetteur de monnaie électronique envoie la notification sur l'inactivité ou la dormance du compte monnaie électronique en cas d'absence de celui-ci. |

Ingingo ya 14: Ibyerekeye kubika ibanga ry'amakuru

Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga n'intumwa zacyo bigira ibanga amakuru yerekeye serivisi biha umukiriya wese wabyo.

Nyamara hatitawe ku biteganywa mu gika cya (1) cy'iyi ingingo, ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga giha gusa amakuru yerekeye serivisi giha abakiriya :

- a. umukiriya bireba;
- b. Banki Nkuru;
- c. uwo ari we wese, iyo umukiriya bireba abitangiye uruhushya rwanditse. Urwo ruhushya rukoreshwa rimwe ku waruhawe gusa, bityo ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga gisaba umukiriya urundi ruhushya rushya buri gihe iyo gishaka gutanga amakuru y'abakiriya nk'uko bigaragara muri aka gace;

Article 14: Confidentiality and data privacy

An e-money issuer and its agents shall keep the information in respect of services provided to any customer confidential.

Despite paragraph (1) of this article, an e-money issuer shall disclose customer information in respect of services provided by the e-money issuer only:

- a. to the customer concerned;
- b. to the Central Bank;
- c. to anyone else, when authorised, in writing, by the customer concerned. The authorization is limited to a single and specified use case, and e-money shall require renewed consent of the consumer each time the e-money issuer wishes to share customer information as specified in this sub paragraph;

Article 14: la confidentialité et protection des données

Un émetteur de monnaie électronique et ses agents doivent garder les informations concernant les services fournis à un client confidentiel.

Malgré l'alinéa (1) du présent article, un émetteur de monnaie électronique doit divulguer des informations du client tout en respectant les services fournis par l'émetteur de monnaie électronique, seulement :

- a. au client concerné;
- b. à la Banque Centrale ;
- c. à quelqu'un d'autre, autorisé, par écrit, par le client concerné. L'autorisation est limitée à un cas d'utilisation simple et spécifiée, et la monnaie électronique nécessite un consentement renouvelé du consommateur chaque fois que l'émetteur de monnaie électronique souhaite partager l'information du client tel que spécifié dans le présent point;

d. hakurikijwe umwanzuro w'Inteko Ishinga Amategeko; cyangwa

e. bitegetswe n'urukiko.

Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga n'intumwa zacyo zitubahiriza ibiteganywa muri aya mabwiriza zicibwa ihazabu y'amafaranga hakurikijwe amabwiriza rusange yerekeye ibihano by'amafaranga bihabwa abatanga serivisi zo kwishyurana.

Ingingo ya 15: Ibisabwa ku makarita y'agaciro k'ibibitswe

Ibigo by'imari byakira amafaranga byemewe na Banki Nkuru bikaba bifite ubushobozi bwo kwishyura ni byo gusa bitanga amakarita y'agaciro k'ibibitswe. Ibindi bigo bidafite ubushobozi bwo kwishyura bishobora kuzitanga ku bufatanye'n'ibyo bigo bifite ubushobozi bwo kwishyura.

Ikarita y'agaciro k'ibibitswe imwe ihabwa gusa umuntu umwe, hakurikijwe ifaranga akoresha na serivisi z'ikigo kiyitanga buri gihe.

d. as legislated by an act of Parliament; or

e. as ordered by a court of Law.

An e-money issuer and its agents who fail to comply with the requirements of this regulation shall be liable to a monetary penalty in accordance with the regulation in force establishing pecuniary sanctions to payment service providers.

Article 15: Requirements for stored value cards

Only deposit-taking financial institutions licensed by the Central Bank with clearing capacity shall issue stored value/prepaid cards. Other institutions without clearing capacity can issue in conjunction with those with clearing capacity.

Only one stored value card shall be issued per person, per currency, per product by an issuer at any time.

d. Comme prescrit par une loi du Parlement; ou

e. Comme l'a ordonné par une Cour de justice.

Un émetteur de monnaie électronique et ses agents qui ne se conforment pas aux exigences du présent règlement seront passibles d'une amende monétaire conformément à la réglementation en vigueur instituant des sanctions pécuniaires aux prestataires de services de paiement.

Article 15: Exigences pour les cartes à valeur stockée

Seules des institutions de dépôts financières agréées par la Banque Centrale avec capacité de compensation délivrent des cartes à valeur stockée/cartes prépayée. Autres institutions sans capacité de compensation peuvent émettre en conjonction avec ceux qui ont la capacité de compensation.

Une seule carte à valeur stockée sera délivrée par personne, par devise, par produit pour un émetteur à tout moment.

Umubare ntarengwa w'ibikorwa n'amafaranga ndetse n'inshuro zemewe bigomba kwerekanwa n'ibigo bitanga ayo makarita.	The transaction and balance limits and frequencies shall be defined by the card issuers.	Les opérations, le solde maximal et la fréquence doivent être définis par les émetteurs de cartes.
Ibigo bitanga amakarita byubahiriza ibisabwa mu gufunguza konti bigenga ibigo by'imari byakira amafaranga ya rubanda.	The card issuers shall comply with minimum account opening requirements applicable to deposit-taking financial institutions.	Les émetteurs de cartes doivent se conformer aux exigences minimales d'ouverture de compte applicables aux institutions financières de collecte de dépôts.
Ibikorwa byose bikorerwa ku makarita y'agaciro k'ibibitswe byubahiriza ibisabwa mu byerekeye amakuru byashyizweho na Banki Nkuru ku bijyanye n'imyishyuranire ikorwa hifashishijwe amakarita.	All stored value card transactions shall be subject to current reporting requirements of the Central Bank related to card based payment.	Toutes les opérations de carte de valeur stockée seront soumises à des exigences de rapportage actuelles de la Banque Centrale liées à la base de paiement de la carte.
Ibigo bitanga amakarita byose bigomba gushyikiriza Banki Nkuru raporo ya buri kwezi bigaragaza umubare w'amakarita y'agaciro k'ibibitswe byatanze, agaciro n'umubare w'ibyoherejwe cyangwa byakiriwe hifashishijwe amakarita y'agaciro k'ibibitswe kugira ngo bishyirwe mu ibarurishamibare ry'igihugu ku bijyanye n'imyishyuranire.	All card issuers shall render monthly returns to the Central Bank on the number of stored value/prepaid cards in issue, volume of transactions and gross amount of transfers from/to, stored value/prepaid cards for inclusion in the national statistics on payments.	Tous les émetteurs de cartes doivent rendre des déclarations mensuelles à la Banque Centrale sur le nombre de valeur stockée/ cartes émises prépayées, le volume des opérations et le montant brut des transferts depuis/vers la valeur stockée /cartes prépayées pour l'inclusion dans les statistiques nationales sur les paiements.
Amafara ng a y'u Rwanda yose ari ku makarita y'agaciro k'ibibitswe afatwa nk'imyenda n'ikigo cy'imari cyatanze ayo makarita kandi kubera iyo mpamvu	All stored value card account Rwandan Francs balances shall be considered deposit liabilities by the issuing financial institution and therefore subject to deposit	Tous les comptes de carte à valeur stockée en Francs Rwandais seront considérés comme des dépôts exigibles par la l'institution financière et ils sont donc

hagomba kubitswa amafaranga y'ubwishingizi ashobora kugeza ku mubare ntarengwa uteganywa n'Ikigega cy'amafaranga y'ubwishingizi yabikijwe ku bijyanye na banki n'ibigo by'imari iciriritse.	insurance protection up to the limit provided by the Deposit Guarantee Fund for banks and microfinance institutions.	assujettis à la protection d'assurance-dépôts jusqu'à concurrence de la limite fixée par le Fond de garantie des dépôts pour les banques et les institutions de micro finance.
Ufite ikarita y'agaciro k'ibibitswe, abisabye, yemerewe guhabwa n'uwayitanze amafaranga ayisigayeho.	A stored value card holder shall, upon request, be entitled to receive a cash refund of the outstanding balance of the card account from the issuing institution.	Un titulaire de carte à valeur stockée doit, sur demande, avoir le droit de recevoir un remboursement du solde restant dû au compte de la carte par l'institution émettrice.
Amakarita y'agaciro k'ibibitswe yose agomba gukurikiza ibipimo ngenderwaho bigengwa amakarita yo kwishyurana nkuko bigenda bigenwa na Banki Nkuru.	All stored value cards issued in Rwanda shall comply with standards applicable to cards as time to time determined by the Central Bank.	Toutes les cartes à valeur stockée doivent être conformées aux normes applicables aux cartes de paiements tels qu'établies par la Banque Centrale.
Hitawe ku gika cya mbere cy'iyi ngingo, Banki Nkuru ishyiraho amabwiriza agenga itangwa ry' amakarita ahuriweho y'agaciro k'ibibitswe.	For the purpose of paragraph one of this article, the Central Bank may establish through a directive, the terms and conditions for issuing the co-branded stored value cards.	Aux fins de l'alinéa premier du present article, la Banque Centrale etablie l'instruction qui determine le regles pour emettre les cartes cobrandées à valeur stockée.

**UMUTWE WA IV: IMICUNGIRE
Y'IBYATEZA INGORANE**

Ingingo ya 16: Amabwiriza y'imiyoborere agenga ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bitari banki

a. Ibigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bigomba kuba ari amasosiyete afite uburyozwe buhinnye yashinzwe hakurikijwe amategeko y'u Rwanda.

Iyo ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ari isosiyete ishamikiye ku isosiyete mbyeyi yashinzwe hakurikijwe amategeko ya Repubulika y'u Rwanda, igira imicungire, imiyoborere n'ibaruramari byigenga bitandukanye n'iby'isosiyete mbyeyi kandi yubahiriza ibisabwa ku miyoborere y'ikigo by'ingenzi byashyizweho na Banki Nkuru buri gihe. Ibi ariko ntabwo bibuza isosiyete mbyeyi guhagararirwa mu nama y'ubuyobozi no gushyira raporo z'imikoreshereze y'imari y'isosiyete iyishamikiyeho muri raporo z'imikoreshereze y'imari yayo.

CHAPTER IV: RISK MANAGEMENT

Article 16: Corporate governance rules applicable to non-bank e- money issuers

The e- money issuers shall exist as a limited liability company incorporated under the Laws of Rwanda.

In the event the e-money issuer is the subsidiary of the Parent Company incorporated under the Laws of the Republic of Rwanda, it shall have an independent management; board and accounting system separate from the Parent Company and conform to the minimum corporate governance requirements set by the Central Bank from time to time. This provision shall, however, not preclude representation by the Parent Company on the board of directors and the inclusion of the financial accounts of the subsidiary in the consolidated financial accounts of the group.

CHAPITRE IV: GESTION DES RISQUES

Article 16: Les regles de gouvernance d'une entreprise applicables aux émetteurs de monnaie non-bancaires

Les émetteurs de monnaie doivent exister en tant que société à responsabilité limitée constituée en vertu des lois du Rwanda.

Dans le cas où l'émetteur de monnaie est la filiale de la société mère constituée en vertu des lois de la République du Rwanda, il doit avoir une gestion indépendante; un conseil d'administration et un système de comptabilité séparé de la société mère et doit se conformer aux exigences minimales de gouvernance d'entreprise fixées par la Banque Centrale de temps en temps. Cette disposition n'est toutefois pas obstacle à la représentation par la société mère sur le conseil d'administration et de l'inclusion des comptes financiers de la filiale dans la comptabilité financière consolidée du groupe.

Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kigomba gushyiraho imiyoborore ihamye, ikorera mu mucyo kandi ikwiye kugira ngo serivisi zacyo zikomeze kuba ntamakemwa.

An e-money issuer shall establish effective, transparent and adequate governance arrangements to ensure continued integrity of its service.

Un émetteur de monnaie électronique doit établir les modalités efficaces, transparentes et adéquates de gouvernance pour assurer l'intégrité permanente de son service.

Imiterere y'imiyoborere igaragara mu gika cya (1) cy'iyi ngingo iba ikubiyemo:

The governance arrangements established under paragraph (1) of this article shall include:

Les modalités de gouvernance établies en vertu de l'alinéa 1 du présent article doivent comprendre :

a. Ku birebana n'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga cyashyiriweho gusa gutanga serivisi zo kwishyurana, Inama y'ubutegetsi igirwa n'umubare munini w'abafite ubunararibonye, bafitiwe icyizere, barangwa n'ubunyangamugayo kandi bujuje ibisabwa mu bijyanye n'ubushobozi hakurikijwe Umugereka wa III uri kuri aya mabwiriza ;

a. In case the e-money issuer is solely established to provide payment services, a board of directors shall consist of people with calibre, credibility, integrity, and fulfil the fit and proper criteria as provided under Annex III of this Regulation;

a. Dans le où l'émetteur électronique est constitué seulement pour offrir des services de paiement, un Conseil d'administration doit être composé des personnes de calibre et de crédibilité remplissant les critères appropriés tels prévu à l'Annexe III de ce Règlement.

b. Igaragaza neza amabwiriza yerekeye imiyoborere, urugero amakuru yerekeye ba nyir'ikigo n'imiterere y'imiyoborere;

b. clearly defined and documented organizational arrangements, such as ownership and management structure;

b. dispositions organisationnelles clairement définie et documentée, telles que la la structure de la propriété et de gestion ;

c. gutandukanya inshingano n'amabwiriza yerekeye ingamba mu bugenzuzi mu rwego rwo kugabaya

c. segregation of duties and internal control arrangements to reduce the chances of mismanagement and fraud; and

c. séparation des tâches et des mécanismes de contrôle interne afin de réduire les risques de mauvaise gestion et de fraude; et

ibyatuma habaho imicungire mibi ndetse n'uburiganya.

- d. Isosiyete mbyeyi cy'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa ubwacyo ntibemerewe gukora nk'intumwa z'iki kigo kivugwa mu gika (3) cy'iyi ngingo.

Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga gikora indi mirimo itari gutanga serivisi zo kwishyurana, kigomba:

- a. Gushyiraho mu nzego z'imiyoborere y'ikigo, urwego rwiheriye rushinzwe itangwa rya serivisi zo kwishyurana. Hakubiyemo kandi gutandukanya ibitabo by'ibaruramari byerekeranye no gutanga serivisi zo kwishyurana n'ibindi bitabo ndetse no gutandukanya raporo z'ibaruramari;
- b. Gukora ku buryo ishami ryihariye rushinzwe itangwa rya serivisi zo kwishyurana rigenzurwa mu buryo butaziguye n'urwego rukuru mu kigo; no
- c. Gusabira kwemerwa na Banki Nkuru abagize ubuyobozi

- d. The parent company of the e-money issuer or the e-money issuer itself shall not act as an agent of the e-money issuer specified in paragraph (3) of this article.

The e-money issuer which provides the activities other than the payment services shall:

- a. under the governance structure of the company, establish a separate business unit from its other business units to manage the provision of payment services. This also includes keeping separate books of account for the payment services as well as segregated reporting in their financial statements;
- b. Ensure that the business unit in charge of provision of payment services is under direct supervision of the highest management authority in the company; and
- c. Apply for the Central Bank approval of the members of the management

- d. La société mère de l'émetteur de monnaie électronique ou l'émetteur de monnaie électronique elle-même ne peut pas être un agent de l'émetteur de monnaie électronique défini dans l'alinéa (3) du présent article.

L'émetteur de monnaie électronique qui fournit des activités autres que les services de paiement, doivent :

- a. Etablir au sein de l'organisation administrative une unité distincte chargée de la provision de services de paiement. Ceci inclut la tenue séparée des livres comptables liés à la prestation de services de paiement ainsi que le rapport séparé des états financiers;
- b. Assurer que l'organe en charge de la prestation de services de paiement soit directement sous la supervision de la plus haute hiérarchie au sein de la société; et
- c. Solliciter auprès de la Banque Centrale l'approbation des membres de gestion

bw'ishami rishinzwe itangwa rya serivisi zo kwishyurana. Ibaruwa isaba iherekezwa n'inyandiko igaragaza ubunyangamugayo kandi bakwiye igaragara ku mugereka wa III w'aya Mabwiriza. Inyandiko yuzuzwa neza n'abagize komite nyobozi y'ishami ryihariye rishinzwe itangwa rya serivisi zo kwishyurana.

team of the business unit in charge of the provision of the payment services. The application letter shall be accompanied with a duly filled fit & proper form as provided under Appendix III of this Regulation. The form shall be filled by the members of the management team of the business unit in charge of the provision of the payment services.

de l'unité en charge de la prestation de services de paiement. La lettre de demande doit être accompagnée d'un dûment remplie tel que prévu à l'Annexe III de ce Règlement. Le formulaire doit être rempli par les membres de gestion d'unité en charge de la prestation de services de paiement.

Bitabangamiye ibiteganywa muri iyi ngingo, ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga cyubahiriza uburyo bwo gukumira ibyateza ingorane bugaragara mu Mugereka wa I.

Without prejudice to the provisions of this article, the e-money issuer shall also comply with the Risk Mitigation Measures provided under Annex I.

Sans préjudice des dispositions du présent article, l'émetteur de monnaie électronique doit se conformer aux mesures d'atténuation de risques prévus à l'annexe I.

Ingingo ya 17: Ibisabwa mu bijyanye n'amafaranga

Article 17: Liquid Assets Requirements

Article 17: Les exigences des actifs liquides

Ibigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bibika mu mafaranga afatika ingano y'ijana ku ijana (100%) by'Imbumbe y'amafaranga abitswe ari mu buryo bw'ikoranabuhanga abitswe.

The e-money issuers shall keep hundred per cent (100%) of the e-money float in liquid assets.

Les émetteurs de monnaie électronique doivent conserver cent pour cent (100 %) de monnaie électronique en circulation.

Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kigaragaza mu mategeko shingiro yacyo interuro zivuga ko amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga y'abakiriya abitse neza kuri konti ihuriweho kandi ko

The e-money issuer shall include in their Articles of Association to the effect that e-money owed to their customers are purely held in trust and will not be encumbered in

L'émetteur de monnaie électronique doit inclure dans leur statut d'association à cet effet que la monnaie électronique dus à leurs clients sont purement détenus en fiducie et ne seront pas grevés en cas

atazakoreshwa mu gihe cy'igihombo cyangwa iseswa ry'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga.

the case of insolvency or liquidation of the e-money issuer.

d'insolvabilité ou de liquidation de l'émetteur de monnaie électronique.

Amafaranga ashobora kuba ari:

The liquid assets may take the form of:

Les actifs liquides peuvent prendre la forme:

a. amafaranga ari kuri banki cyangwa abitswe n'ibigo byakira amafaranga mu Rwanda kandi ashobora kubikuzwa asabwe, gusa bisaba ko ayo mafaranga aba abitse atandukanye n'amafaranga yerekeye ibindi bikorwa by'ibigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga;

a. Balances held at banks or any deposit taking institution in Rwanda and withdrawable on demand, provided that such balances shall be held separately from balances relating to any other operations of the e-money issuers;

a. des soldes détenus dans les banques ou toute institution de dépôt au Rwanda et peuvent être retirés sur demande, à condition que ces soldes soient gardés séparément des soldes relatifs aux autres opérations des émetteurs de monnaie électronique;

b. inyandiko za Leta zivunjwa amafaranga z'igihe gito zashyizwe ku ruhande kugira ngo zizashorwe nyuma yo kubyemererwa na Banki Nkuru. Amafaranga ashowe mu nyandiko za Leta zivunjwa amafaranga ntashobora kurenza igihe amezi atatu ndetse na makumyabiri ku ijana (20%) by'amafaranga yose ari kuri konti zihuriweho, agashorwa;

b. Short term government securities set aside for the purpose of investment after approval of the Central Bank. The invested money in the government securities shall not exceed the maturity of three months and twenty per cent (20%) of the total outstanding e-money liabilities of the e-money issuer to its e-money holders;

b. des titres à court terme de l'État sous réserve aux fins d'investissement après l'approbation de la Banque Centrale. L'argent investi dans les titres de l'État ne doit pas dépasser l'échéance de trois mois et vingt pour cent (20 %) des soldes de comptes en fiducie de l'émetteur de monnaie électronique ; ou

c. amafaranga abikijwe by'igihe kirekire, muri banki imwe cyangwa

c. term deposits with one or more banks with maturity of three (3) months at

c. dépôts à terme auprès d'une ou de plusieurs banques avec trois (3) de

nyinshi mu gihe kitarenze amezi atatu (3). Amafaranga ashyizwe kuri konti ivugwa muri aka gace ntagomba kurenza umugabane w'icumi ku ijana (10%) igiteranyo cy'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga yose ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kibereyemo umwenda ufite amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ;

- d. undi mutungo mvunjwa faranga ateganywa na Banki Nkuru.

Ibigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bitari banki buri muni, bitarenze saa kumi za nimugoroba (16h :00) mu Rwanda, bigereranya amafaranga bifite n'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga yakwishyurwa hakurikijwe agaciro k'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga y'abakiriya, intumwa n'abacuruzi baranguza bafite. Umubare w'amafaranga abura ugomba kuba wagaragajwe bigakosorwa bitarenze saa 12:00 z'umunsi ukurikiyeho.

Ku byerekeye igenzura, ibigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bigendeye ku miterere y'inyandiko iteganywa na Banki Nkuru, bigomba gutanga buri cyumweru

most. The money deposited on term deposit account shall not exceed 10% of the total outstanding e-money liabilities of the e-money issuer to its e-money holders; or

- d. Any other liquid asset prescribed by the Central Bank.

The non-bank e-money issuers shall on a daily basis, by no later than 4.00 p.m. Rwanda time each day, reconcile the liquid assets held by them for the redemption of e-money with the e-money value held by the customers, agents and merchants on their platforms. Any difference in the amount of liquid assets held shall be rectified by 12.00 pm the next day.

For the purposes of oversight, the e-money issuers shall submit to the Central Bank on weekly basis in the format as determined by the Central Bank, all records pertaining

maturite aux maximum. L'argent investi est d'une echeance de trois mois et ne doit pas dépasser dix pour cent (10%) l'encours total des obligations en monnaie électronique de l'émetteur de monnaie électronique à ses détenteurs de monnaie électronique.

- d. de tout autre actif liquide prescrit par la Banque Centrale.

Les émetteurs de monnaie électronique non bancaires doivent sur une base quotidienne, au plus tard à 16h:00 du Rwanda chaque jour, concilier les actifs liquides détenus par eux pour le rachat de la monnaie électronique avec la valeur de la monnaie électronique détenue par les clients, les agents et commerçants sur leurs plates-formes. Toute différence dans le montant des actifs liquides détenus doit être rectifiée avant 12h:00 du jour suivant.

Aux fins de la surveillance, les émetteurs de monnaie électronique doivent soumettre à la Banque Centrale hebdomadairement dans le format déterminé par la Banque Centrale, toutes les données relatives aux

inyandiko zose zijyanye n'amafaranga yavuzwe haruguru ndetse n'uko ikinyuranyo cyavaho buri gihe.

Inyandiko igaragaza uko ikinyuranyo cyavaho ivugwa mu gika cya (5) cy'iyi ngingo igomba kugaragaza umubare w'amafaranga asigaye kuri konti y'amafaranga ari mu ikoranabuhanga, bishyizwe mu byiciro bya konti biteganywa muri aya mabwiriza.

Iyo ibigo bitanga amafaranga mu buryo bw'ikoranabuhanga birenze ku bikubiye muri iyi ngingo bihanwa buri munsu nk'uko byasobanuwe mu mabwiriza yerekeye ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi ku bashinzwe uburyo bw'imyishyuranire, n'abatanga serivisi zo kwishyurana.

ibigo bitanga amafaranga mu buryo bw'ikoranabuhanga bitari banki bigomba kwizeza ko ingano y'amafaranga abitse afatika nkuko yavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ahora angana n'imbumbe y'amafaranga abitswe mu buryo bw'ikoranabuhanga. Iyo habonetse ikinyuranyo, aho imbumbe y'amafaranga abitse mu buryo bw'ikoranabuhanga, ikigo gitanga amafaranga mu buryo bw'ikoranabuhanga kitari banki

to the above liquid assets as well as reconciliations at any time.

The reconciliations specified in paragraph (5) of this article shall indicate the balances of the e-money accounts grouped per category or Tier of accounts provided in this regulation.

A violation of the provisions specified under this article by the e-money issuers shall attract a daily penalty as prescribed under the regulation establishing administrative sanctions of the payment service providers and payment system operators.

The non-bank e-money issuers shall ensure that the value of total liquid assets specified in paragraph one (1) of this article always equals to the float. In case of differences, whereby the float is greater than the total value of liquid assets, the non-bank e-money issuer shall be liable of a fine of three times of the difference thereof identified.

actifs liquides ci-dessus ainsi que les rapprochements à tout moment.

Le rapprochement spécifié dans l'alinéa (5) doit indiquer les soldes sur les comptes groupés par catégories or échelons d'un compte prévus dans ce Règlement.

Une violation des dispositions du présent article par les émetteurs de monnaie électronique entraîne une pénalité quotidienne prescrite dans le règlement établissant des sanctions administratives relatives aux prestataires de services de paiement et les opérateurs de système de paiement.

Les émetteurs de monnaie électronique non bancaire doivent s'assurer que les actifs liquides tels que spécifiés à l'alinéa premier du présent article sont toujours égaux au flottant. Au cas de différences entre les deux, ou le flottant est supérieur au total des actifs liquides, l'émetteur de monnaie électronique non bancaire est passable d'une peine d'un montant égal à trois fois de la différence telle qu'identifiée.

gihanishwa igihano kingana n'inshuro eshatu z'ikinyuranyo cyagaragajwe.

Ibigo by'imari bikora ibikorwa by'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ntibisabwa kubahiriza ibisabwa bijyanye n'amafaranga biteganywa mu gika cya (1) cyavuzwe haruguru muri iyi ngingo, ariko bisabwa kugaragaza amafaranga y'ikoranabuhanga bifite mu bisabwa byerekeye amafaranga bizigamye ategetswe n'ibisabwa mu bijyanye n'amafaranga biteganywa na Banki Nkuru.

Financial institutions which conduct e-money business are not subject to the liquid assets requirement under paragraph (1) above of this article, but are required to include e-money balances in the calculation of their statutory reserve requirement and liquidity requirement as prescribed by the Central Bank.

Les institutions financières qui effectuent les activités relatives à la monnaie électronique ne sont pas assujetties à l'exigence relative aux actifs liquides en vertu du paragraphe (1) ci-dessus du présent article, mais sont tenus d'inclure les soldes de monnaie électronique dans le calcul de leurs exigences de réserve obligatoire et exigence de liquidité comme prescrit par la Banque Centrale.

Ingingo ya 18: Ibisabwa mu bijyanye no gutandukanya amafaranga

Article 18: Fund Isolation Requirements

Article 18: Exigences pour l'isolement des fonds

Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga gikora ibi bikurikira:

An e-money issuer shall:

Un émetteur de monnaie électronique :

- a. kibika amafaranga yose cyakiriye kuri konti ihuriweho cyangwa konti yihariye;
- b. kigenzura ko amafaranga ari kuri konti ihuriweho cyangwa kuri konti

- a. ensure all monies received are held in a Trust account or special account;
- b. ensure the balances in the Trust account or special account shall not at

- a. doit assurer que tous les fonds reçus sont tenus sur un compte de fiducie ou sur un compte spécial;
- b. doit assurer que les soldes tenus sur le compte de fiducie ou sur le compte

- | | | |
|--|--|---|
| yihariye adashobora kuba buri gihe munsu y'abo kirimo abakiriya; | any time be less than what is owed to customers; | spécial ne soient en aucun cas inférieurs à ce qu'on doit aux clients; |
| c. ntigishyira ayo mafaranga kuri konti yacyo bwite gisanzwe gikoresha mu bikorwa by'ubucuruzi bisanzwe; | c. not transfer the funds to its own account used for normal business operations. In case e-money issuer acts as a merchant, the transfer of its funds from trust account to its own account shall be done in accordance with this regulation. | c. ne doit pas transférer les fonds à son compte propre utilisé pour les opérations d'activités normales. Au cas où l'émetteur de monnaie électronique agit comme un marchand, le transfert de son fonds du compte de fiducie vers son propre compte doit se conformer aux dispositions du present règlement. |
| d. Kumenyesha Banki Nkuru buri cyumweru kohererezanya kuvugwa mu gaka (c) k'icyi gika; | d. Report on the transfer specified in the point (c) of this paragraph to the Central Bank on weekly basis; | d. Faire le rapport a la Banque Centrale sur le transfert mentionné dans le point (c) du present alinéa ; |
| e. ntikivanga konti ihuriweho ifitwe n'ibigo bitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga bitari banki n'amafaranga y'abandi batari abafite amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga biba bibabikiye; no | e. not commingle the Trust account by non-bank e-money issuers with the funds of any person other than the e-money holders on whose behalf the funds are held; and | e. ne doit pas amalgamer le compte de fiducie par des émetteurs de monnaie électronique non bancaire qui ont des fonds de n'importe quelle personne autre que les détenteurs de monnaie électronique sur le compte de qui les fonds sont détenus; et |
| f. gikoresha uburyo bwo gukumira ibyateza ingorane kugira ngo kigenzure ko amafaranga ari kuri konti ihuriweho atabitse ahantu hatandukanye kandi ko abitse muri banki zemewe na Banki Nkuru cyangwa inyandiko za Leta y'u | f. Employ appropriate risk mitigation strategies to ensure that the funds held in the Trust account are sufficiently diversified and placed in banks licensed by the Central Bank or Government of Rwanda securities as determined by this Regulation. | f. doit employer des stratégies d'atténuation des risques appropriées pour veiller à ce que les fonds détenus dans le compte de fiducie soient suffisamment diversifiés et placés dans les banques agréées par la Banque Centrale ou des titres du |

Rwanda zivunjwa amafaranga nk'uko biteganywa muri aya mabwiriza.

Gouvernement du Rwanda tel que déterminé par le présent Règlement.

Ku nyungu zo kurengera abafite amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kugira ngo badahura n'ingaruka z'igihombo banki ishobora guhura nacyo, amafaranga yose ari mu buryo bw'ikoranabuhanga banki runaka iba ibikiye ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kitari banki ntabwo agomba kurenga 25% by'imari shingiro fatizo ya banki ibarwa buri gihembwe. Iyo bigaragaye ko umubare ntarengwa wagenwe warenze mu gihe cy'amezi abiri akurikirana, ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kitari banki gishyira amafaranga arengaho mu yindi banki.

In the interest of protecting e-money holders from the risk of bank insolvency, the sum total of e-money accounts held with any one bank on behalf of a given a non-bank e-money issuer shall not exceed 25 percent (25%) of the core capital of the bank computed on quarterly basis. Whenever the threshold is exceeded on average for two consecutive months, the non-bank e-money issuer must place any excess float in another bank.

Dans l'intérêt de protéger les détenteurs de monnaie électronique du risque d'insolvabilité bancaire, la somme totale de la monnaie électronique tenue sur les comptes détenus par une banque au nom d'un émetteur monnaie électronique non bancaire ne doit pas dépasser 25% fonds propre de la banque calculé sur une base trimestrielle. Chaque fois que le seuil est dépassé, en moyenne, pendant deux mois consécutifs, l'émetteur de monnaie électronique non bancaire doit placer l'encaisse en excès dans une autre banque.

Ku bijyanye n'ibiteganywa mu gika cya (2) cy'iyi ngingo, amabwiriza n'amategeko agenga konti ihuriweho ategeka ko banki ibikijwemo amafaranga ahuriweho imenyeshya ku buryo bwishuse ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga iyo umubare ntarengwa washyizweho warenze.

For the purpose of the provisions of the paragraph (2) of this article, the terms and conditions of the trust account shall require the bank holding the trust fund to promptly inform the non-bank e-money issuer when the threshold is exceeded.

Aux fins des dispositions de l'alinéa (2) du présent article, les termes et conditions du compte en fiducie doivent exiger la banque qui gère les fonds en fiducie d'informer rapidement l'émetteur de monnaie électronique non bancaire lorsque le seuil est dépassé.

Amafaranga afatika abitswe n'ikigo cy'imari kimwe ntagomba kurenga umugabane wa makumyabiri na gatanu ku ijana (25%) by'imbumbe y'amafaranga abitswe mu buryo bw'ikoranabuhanga.

Banki ibikijwemo amafaranga ahuriweho yerekana mu nyandiko zayo zerekeye konti ihuriweho ko ucunga iby'abandi w'umwuga acungira iyo konti abagenerwabikorwa.

Ingingo ya 19: Konti ihuriweho na konti yihariye

Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ntigitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kidafunguje konti ihuriweho cyangwa konti yihariye hakurikijwe aya mabwiriza.

Hakurikijwe ibiteganywa mu gika cya mbere, ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga giteye giteye ku buryo bukurikira gikora ibikurikira:

- a. ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kitari banki gisabwa gufunguza no gukomeza gukoresha banki ihuriweho muri banki.

Cash funds backing the e-money float shall not exceed 25 percent (25%) of that float in a single financial institution.

A bank holding trust fund shall indicate on its records for a trust account, that the account is held by the trustee on behalf of the named beneficiaries.

Article 19: Trust account and special account

An electronic money issuer shall not issue electronic money without opening a trust account or a special account in accordance with these Regulations.

Subject to paragraph one, an electronic money issuer who is:

- a. a non-bank e-money issuer shall be required to open and maintain a trust account in a bank.

Le fonds que la banque detient et qui supporte le flottant ne doit pas dépasser vingt cinq pour cent (25%) de ce flottant dans une seule banque.

La banque qui gère les fonds en fiducie doit indiquer sur ses dossiers pour un compte en fiducie, que le compte est détenu par le fidéicommissaire pour le compte des bénéficiaires désignés.

Article 19: Compte en fiducie et compte spécial

Un émetteur de monnaie électronique ne doit pas émettre de la monnaie électronique sans ouvrir un compte en fiducie ou d'un compte spécial conformément au présent règlement.

Sous réserve de l'alinéa premier, un émetteur de monnaie électronique qui est :

- a. un émetteur de monnaie électronique non-bancaire est tenu d'ouvrir et de maintenir un compte en fiducie dans une banque.

b. ikigo cy'imari gisabwa gufunguza no gukomeza gukoresha banki yihariye.	b. a financial institution shall be required to open and maintain a special account.	b. une institution financière est tenue d'ouvrir et de maintenir un compte spécial.
Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kivugwa mu ngingo ya 19 (2) (b):	An e-money issuer referred to in article 19 (2) (b) shall:	Un émetteur de monnaie électronique visé à l'article 19 (2) (b) doit:
a. gifunguza konti yihariye ishyirwaho amafaranga abitswa n'abafite konti bahawe amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga;	a. open a special account to maintain funds deposited by non-bank account holders who have been issued with electronic money;	a. ouvrir un compte spécial pour maintenir les fonds déposés par les titulaires de comptes non-bancaires qui ont été émis en monnaie électronique;
b. kigenzura ko konti ifite inyandiko zerekeye abakiriya zatanzwe ziherekeje amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga;	b. ensure that the account has records of the customers issued with electronic money;	b. veiller à ce que le compte a des dossiers des clients émis en monnaie électronique;
c. kigenzura ko konti yihariye idashobora guhura n'ingorane zishobora gutuma ba nyiri amafaranga bahura n'igihombo; kandi	c. ensure that the special account is protected from risks that may occasion loss to beneficiaries of the funds; and	c. veiller à ce que le compte spécial soit protégé contre les risques qui peuvent occasionner la perte aux bénéficiaires des fonds; et
d. cyubahiriza ibindi byasabwa na Banki Nkuru.	d. Comply with any other requirement as the Central Bank may require.	d. se conformer à toute autre exigence que la Banque Centrale peut l'exiger.

Ingingo ya 20: Ishyirwaho ry'ucunga iby'abandi w'umwuga

Ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kitari banki kivugwa mu ngingo ya 19 (2) (a) gishyiraho ikindi kigo kiri mu rwego rw'isosiyete y'abacunga iby'abandi y'umwuga kugira ngo gicunge konti ihuriweho hakurikijwe inyandiko y'ubwizerane.

Hakurikijwe ibiteganywa mu gika cya (1), ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga, mbere yo kwandikisha ikigo gihuriweho kigomba gushyikiriza Banki Nkuru ubusabe bwanditse kugira ngo yemeze ikigo gihuriweho gishyirwaho, maze kigatanga amakuru akurikira:

- a. inyandiko igaragaza ubunyangamugayo kandi bakwiye, yujijwe neza n'abagize komite nyobozi, n'inama nkuru y'ubutegetsigizwe n'abacunga iby'abandi b'umwuga, abanyamigabane bakomeye b'isosiyete y'abacunga iby'abandi y'umwuga hakurikijwe Umugereka wa III uri kuri aya mabwiriza. Iyo ucunga iby'abandi w'umwuga ari ikigo gifite ubuzima gatozi, abagize inama y'ubutegetsigizwe n'abayobozi bakuru bacyo buzuza

Article 20: Establishment of Trust

A non-bank e- money issuer referred to in Article 19 (2) (a) shall establish a separate legal entity in the form of a trust corporation to manage the trust account in accordance with a trust instrument.

Subject to paragraph (1), an electronic money issuer shall, prior to registering a Trust entity submit to the Central Bank a written application for approval of the proposed Trust entity, by submitting the following information:

- a. A duly filled Fit & proper form for the management team, board of trustees and significant shareholders of the Trust Corporation as provided under Appendix III of this Regulation. Where the trustee is a corporate entity, the directors and management team of the corporate entity shall fill Fit & proper form as provided under Annex III of this Regulation;

Article 20: Etablissement d'un fidéicommissaire

L'émetteur de monnaie électronique non-bancaire visé à l'article 19 (2) (a) doit établir une entité juridique distincte sous la forme d'une entité de fidéicommissaire pour gérer un compte en fiducie suivant l'acte de fiducie.

Sous réserve de l'alinéa (1), un émetteur de monnaie électronique, avant d'enregistrer une entité de fidéicommissaire soumet à la Banque Centrale une demande écrite pour l'entité de fidéicommissaire propose soit approuvée, en soumettant les informations suivantes:

- a. Un formulaire convenable et approprié dûment rempli des membres de la comite de gestion, des fidéicommissaires membres du Conseil d'administration, des actionnaires importants, et du du fidéicommissaire comme prévu à l'Annexe III de ce règlement. Lorsque le fidéicommissaire est une entité juridique, les directeurs et les membres de la comite de gestion de cette entité

inyandiko hakurikijwe Umugereka wa III uri kuri aya mabwiriza ;

juridique remplissent le formulaire prévu à l'Annexe III de ce règlement;

- | | | |
|--|--|---|
| b. amategeko shingiro y'ikigo; | b. memorandum and articles of association or constitution of the entity; | b. mémorandum et des statuts ou la constitution de l'entité ; |
| c. urutonde rw'abacunga iby'abandi b'umwuga, aho babarizwa, ubwenegihugu bwabo, no kugaragaza niba bari mu nama y'ubuyobozi cyangwa ari abanyamigabane b'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga; | c. list of the trustees, their addresses, their nationalities, and whether they are directors or shareholders of the electronic money issuer; | c. liste des fidéicommissaires, leurs adresses, leurs nationalités, et si ils sont administrateurs ou actionnaires de l'émetteur de monnaie électronique; |
| d. ibaruwa ebyiri z'abantu babiri batari abo mu muryango umwe zigaragaza ubunyamugayo bw'abacunga iby'abandi b'umwuga; | d. reference letters from two individuals who are not relatives vouching for the good moral character of each of the trustees; | d. lettres de référence de deux personnes qui ne sont pas des parents prouvant la bonne moralité de chacun des fidéicommissaires ; |
| e. gahunda y'imiyoborere yanditse igaragaza imbonerahamwe y'inzeho z'imirimo; | e. a documented governance plan that include an organisational structure; | e. un plan de gouvernance détaillé qui comprend une structure organisationnelle ; |
| f. ingamba zerekeye ubugenzuzi, hakubiyemo amabwiriza anozeho agenga icungamutungo n'ubuyobozi ateganya ko amafaranga ahuriweho agomba gutandukana n'ibikorwa by'ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga; n'andi | f. documented internal control mechanisms, including sound administrative and accounting procedures that highlight the separation of the trust funds from the business of the electronic money issuer; and | f. les mécanismes de contrôle interne détaillés, y compris les procédures administratives et comptables saines qui mettent en évidence la séparation des fonds en fiducie de l'entreprise de l'émetteur de monnaie électronique; et |

g. makuru Banki Nkuru ishobora gusaba

Banki Nkuru, mu gihe cy'iminsi mirongo itatu ibarwa uherye ku itariki yakiriyeho ubusabe buteganyijwe mu gika cya (2) cy'iyi ngingo, imenyesha ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ko ikigo gihuriweho cyatanze cyemewe cyangwa cyanzwe.

Hakurikijwe ibiteganywa mu gika cya (3) cy'iyi ngingo, Banki Nkuru itanga impamvu itabwemeye kandi ishobora gusaba ikigo gitanga amafaranga mu buryo bw'ikoranabuhanga kongera gutanga ubusabe bwacyo nyuma yo gukosora ibyaburagamo byatumye bwangwa.

Hakurikijwe ibiteganywa mu gika cya (4) cy'iyi ngingo, Banki Nkuru ntibwemera iyo ikigo gitanga amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga kitatanze ubusabe bwacyo bundi bushya; cyangwa ngo gitange amakuru akosora ibyaburagamo byagaragajwe na Banki Nkuru.

g. Such other information that the Central Bank may require.

The Central Bank shall, within thirty days of receipt of the application under paragraph (2) of this article, notify the electronic money issuer of the grant or denial of the approval to register the proposed trust entity.

Subject to paragraph (3) of this article, the Central Bank shall provide reasons for not granting the approval and may require the electronic money issuer to resubmit its application after rectifying the deficiency that led to the rejection of the application.

Subject to paragraph (4) of this article, the Central Bank shall not grant the application if the electronic money issuer fails to resubmit its application; or provide information to rectify the deficiency identified by the Central Bank.

g. toute autre information que la Banque Centrale peut exiger.

La Banque Centrale, dans les trente jours suivant la réception de la demande en vertu de l'alinéa (2) du présent article, avise l'émetteur de monnaie électronique de l'octroi ou le refus de l'autorisation d'enregistrer l'entité de fiducie proposé.

Sous réserve de l'alinéa (3) du présent article, la Banque Centrale doit fournir des raisons pour ne pas accorder l'agrément et peut exiger à l'émetteur de monnaie électronique à soumettre à nouveau sa demande après rectification du défaut qui a conduit au rejet de la demande.

Sous réserve de l'alinéa (4) du présent article, la Banque Centrale ne doit pas accorder la demande si l'émetteur de monnaie électronique ne parvient pas à soumettre de nouveau sa demande; ou à fournir des informations pour corriger la lacune identifiée par la Banque Centrale.

Ingingo ya 21: Inshingano z'ucunga iby'abandi w'umwuga

Ucunga iby'abandi w'umwuga afite inshingano zikurikira:

- a. kugira na amasezerano yerekeye konti ihuriweho hamwe na banki ibitse amafaranga ahuriweho ;
- b. kubika inyandiko ku makuru ya banyiri konti y'amafaranga ari mu ikoranabuhanga zose zisabwa na Banki Nkuru ku byerekeye konti zihuriweho. Izo nyandiko zivugwa muri aka gace zigomba kuba zikubiyemo nibura imyirondoro n'umubare w'amafaranga yose buri muni ari ufite konti y'amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga abikiwe muri banki ibitse amafaranga ahuriweho ;
- c. gushyikiriza banki ibitsemo amafaranga ahuriweho buri muni izo nyandiko; no
- d. gutanga inyandiko isabwa yemeza ko inyandiko zatanze ziteganywa mu gace (b) k'icyigika ari ukuri igihe banki ibitse amafaranga ahuriweho ibimusabye;

Article 21: Obligations of the Trustee

The trustee shall:

- a. enter into valid trust account agreement with the bank that hold trust fund;
- b. maintain detailed records on the e-money account holders as may be prescribed by the Central Bank on the trust accounts. The records specified under this subparagraph shall include at least the daily cumulative balances and identification of each of the e-money account holders whose scriptural money is part of trust funds ;
- c. submit to the bank holding trust fund such records on daily basis; and
